INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# DUSIGASIRE INDANGAGACIRO Z'UMUCO W'U RWANDA

## IMIVUGO

2022

INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# DUSIGASIRE INDANGAGACIRO Z'UMUCO W'U RWANDA

## IMIVUGO

2022

© Inteko y'Umuco, 2022

Gishyizwe ku mugaragaro bwa mbere mu 2022.

Uburenganzira bwose burakomye.
Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rigenga umutungo bwite mu by'ubwenge.

ISBN: 978-99977-0-433-7

# ISHAKIRO


Ijambo ry'ibanze ........ 1

BENIMANA Bernardin, **Gukunda Igihugu, isoko yo kwigira** ........ 2

HABIYAKARE Athanase, **Mbwire abantu u Rwanda rwemye** ........ 4

IRADUKUNDA Elisa, **Impamba imara isari** ........ 6

IRAGENA Sarah, **Intsinzi igana imbere** ........ 8

IRUTINGABO Ruben, **Impuzankano itubereye** ........ 10

ISHIMWE Aimable, **Gukunda Igihugu, isoko yo kwigira** ........ 12

NIZEYIMANA Venuste, **Muruhe impumbya rugumye kwanda** ........ 14

NSANZIMANA Emmanuel, **Impamba kamazi i Rwanda** ........ 16

TUGIRAMAHIRWE Eugene, **Umurage twarazwe na Gihanga** ........ 18

TUYISHIMIRE Sandrine, **Dukunde u Rwanda twigire** ........ 20

UKWISHAKA Modeste, **Twitanagire urwacu!** ........ 22

UMUMARARUNGU Alice, **Ingobyi iduhetse** ........ 24

UMWARI Cressence, **Nkunda Igihugu cyanjye** ........ 26

WIHOGORA Godelive, **Inzira ya Nzigira** ........ 28

WIHOGORA Godelive, **Urwo ngukunda Gihugu cyanjye** ........ 30

Umusozo ........ 32

## IJAMBO RY'IBANZE

Inteko y'Umuco ifite intego nkuru yo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'umurage by'u Rwanda. Muri uwo murage, Ikinyarwanda ururimi kavukire, ururimi rw'Igihugu, ururimi rw'ubutegetsi ingobyi y'umuco w'u Rwanda, gifitemo umwanya w'imena. Ni ngombwa ko ababyiruka batozwa imikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda biciye mu buhanzi bushora imizi mu muco, by'umwihariko ubusizi.

Kugira ngo ibyo bigerweho Inteko y'Umuco ikoresha amarushanwa atandukanye ku Kinyarwanda, iki gitabo ni umusaruro w'ibyavuye mu marushanwa y'ubuhanzi bw'imivugo yakozwe n'urubyiruko rwo mu mashuri makuru na kaminuza rwiyumvisemo ikibatsi cy'inganzo, rugatanga ubutumwa bugamije kwimakaza indangagaciro yo "Gukunda Igihugu" n'iyo "Kwigira". Aya marushanwa yateguwe mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire mu wa 2022.

Iki gitabo gikubiyemo imivugo 15 yahize iyindi muri 92 yoherejwe mu irushanwa. Abanyeshuri bahize abandi ni abo mu mashuri makuru na kaminuza akurikira: **Kaminuza y'u Rwanda**, Koleji y'Uburezi, Ishami rya Rukara yatsindishije imivugo 6, Koleji Yigisha iby'Indimi n'Ubumenyi bw'Imibereho y'Abaturage, Ishami rya Huye yatsindishije imivugo 5 naho Koleji y'Uburezi, Ishami rya Nyagatare ryatsindishije imivugo 2. Andi mashuri makuru na kaminuza yagiye atsindisha imivugo ni aya akurikira: **Ishuri Rikuru ry'Abaporotesitanti ry'Ubugeni n'Ubumenyi Nyamubano**, Ishami rya Karongi ryatsindishije umuvugo 1, **Kaminuza Yigenga y'Abarayiki b'Abadivantisiti**, Ishami rya Nyanza na yo yatsindishije umuvugo 1.

Ururimi rw'Ikinyarwanda rukwiye guhabwa agaciro cyane cyane mu rubyiruko kugira ngo barusheho kurukunda kandi bamenyere kurukoresha mu buryo buboneye. Amarushanwa ni bumwe mu buryo bwo gutanga amahirwe yo kugaragaza impano no gutinyura urubyiruko kandi ikaba inzira yo guteza imbere ubuhanzi mu rubyiruko ndetse no gukoresha ubwo buhanzi mu gutanga ubutumwa bwubaka urubyiruko kandi bubibutsa gusigasira indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.

Inteko y'Umuco ikaba ifite gahunda yo gukomeza gukoresha bene aya marushanwa y'ubuhanzi bw'ubusizi mu Kinyarwanda, kugira ngo irusheho gukangurira Abanyarwanda mu byiciro bitandukanye gukomeza gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

Inteko y'Umuco irashimira urubyiruko rwo mu mashuri makuru na kaminuza rwitabiriye aya marushanwa, abarimu, abayobozi b'ibigo n'abandi bose bagize uruhare mu migendekere myiza y'aya marushanwa.
Ni urugero rwiza rwo kugenderaho mu gukoresha neza inganzo yimakaza indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko, Inteko y'Umuco**

## GUKUNDA IGIHUGU, ISOKO YO KWIGIRA

Nteruye inganzo mpanitse inganji
Nje kukurata Rwanda nziza
Mumpe akanya mvuge ntavunda
Ntake iwacu hazira icyago!

Njye ndagukunda kirezi cyacu
Reka nkurate nshikamye nemye
Ntume abashaka kuguca urwaho
Babura icyuho ubwo bakamwara.

Rubyiruko namwe abakuze mwese
Igihugu cyacu kiratureba
Ubumwe bwacu ni wo murunga
Kwigira kwacu ni wo musingi
W'ishema ryacyo iyo mu ruhando.

Subiza amaso iyo inyuma hirya
Urebe u Rwanda rwacu kera
Kubaho kwarwo ari amahanga
Nta mutungo utanga ituze
Nta bukungu buhari rwose
Twese twese tubara ubukeye.

Amaboko yacu ari amahanga
Twiyegamizaga kuri mukoroni
Nta bubasha nta n'ubushake
Bwo gufata ibyacu ngo tubirinde!

Baraducurika baduca urwaho
Baducura inkumbi turacemerwa
Turaceceka twimwa ijambo
Umugambi wabo ubwo uhamya
intego.

Gusa ubu amazi si ya yandi
Dore amasoko meza cyane
Dore amasoko avubura ubumenyi

Ndavuga amashuri u Rwanda
rwose
Nta guhezwa twiga twese
Abafite ubumuga nta guhezwa
Ni na ko kwigira nge mbabwira.

Ndareba umucyo aha iwacu i
Rwanda
Ku bw'amatara atatse imihanda
Amazu meza azira umwanda
Yubatswe kandi n'Abanyarwanda
Ni na ko kwigira njye mbabwira.

Tureba ibyiza iwacu i Rwanda
Tuvuga ibikombe by'ubudahwema
Kandi ibyinshi biva imahanga
Kandi ubwo abenshi bibaza
imvano
Gusa nimureke njye mbahe
imvaho
Mbabwire imvano y'ibyo byos,
Ni muri uko kwigira turirimba!

Ngira nkugire reka ibe intero
Nkore neza reka ibe intego
Cyo kora nawe hato utamwara
Ugahora iteka uri cyo nimumpe
Kandi nawe ufite amahirwe
Yo gukora ibyawe bikanagwira
Bikagutunga bikaguhira
Bikakurinda urwo rubwa rwose.

Ikibazo none si igishoro
Si imitungo si n'amashuri
Ibya mirenge bihenze cyane
Ni ugufata bimwe bikeya
Ukabicunga ntibigucike

Ukanyurwa rwose bikagutunga
Nubwo byaba bike ubishore
Mbere ya rimwe habanza zeru
Ntawubitunga atabikoreye
Haranira kwigira ni yo ntero.

Rinda u Rwanda kunda u Rwanda
Burya urukundo ni rwo muhuza
Ni wo murunga utwunga twese
Kuko umubyeyi wacu ari umwe
Rwanda nziza ngobyi iduhetse.

Rubyiruko rwacu ni mwe
mubwirwa
Gukunda Igihugu si mu magambo
Si amahamba si indirimbo
Bisaba ubutwari n'ubwitange
No kumaramaza muri rusange.

Burya gutanga ubuzima bwawe
Ni cyo gitambo kiruta ibindi
Ni yo mateka akomeye cyane
Wasiga hanze ku bw'uwo ukunda
Gusa ku bwawe nabutanga
Rwanda yacu gihugu kiza.

Kuvuga urwo tugukunda Rwanda
Mbura aho mpera mbura umusozo
Gusa ubu wenda reka nsubike
Nshake iherezo ry'ikivi cyanjye
Reka ncurure ncutse inganzo
Igire Rwanda turagukunda!

**BENIMANA BERNARDIN**

Rwanda nziza ngobyi iduhetse
Rwanda nziza nkunda kandi ndata
Uraho neza se ngabo ikeye
Mpora ndota iteka ryose ?

Amahoro ahinda ubu ni yo ntero
Nta kabuza ni yo soko y'iterambere
Ganza kandi wande Rwanda nziza.

Njye aka kanya nciye akabogi
Maze ngutake ngutaramire
Wowe uharanira iteka ryose
Gutoza ibyiza twebwe abawe
Ganza kandi wande Rwanda nziza.

Wahereye mu mizi udutoza
Kugana ishuri tukajijuka
Birezi rero bana b'u Rwanda
Ayo mahirwe muyakoreshe
Muzarukorere muri impuguke
Rwanda nziza uzasagamba
Uranda ntiwadohoka
Imiyoborere myiza izira icyasha
Ubu umuturage ari ku isonga
Agira uruhare ku bimukorerwa.
Abawe se ubundi twabuzwa n'iki?
Kugukeza, kukuririmba
no kugutaka
Ko watudabagije muri byinshi

Ngaho udutoza kwigira
Utwibutsa iteka ryose ko
Hatazigamwa ibyasagutse
Ahubwo ko na byo bicungwa
Bigakorerwa igenamigambi
Maze uwateye iyo ntambwe wese
Ejo akazisanga ari
nta mbeho mu nda

Aseka kandi asusurutse
Maze agakunda akarwizihira.

Umunyarwanda yarabirebye ati:
"Ak'imuhana kaza imvura ihise"
Ubu uyu munsi wa none
Kwigira ni yo ntego
Aho ejo heza ni yo ntero
Abanyarwanda tubyumva neza.
Ubu umutegarugori
na we arahimbawe
Arashima intore izirusha intambwe
Ashima intambwe amaze gutera
Aho ubu adahezwa mu b'ingenzi
Bafata ibyemezo ntakuka
Bya bindi byiza byubaka
Ubu ubuzima buzira umuze
Bwa buri Munyarwanda wese
Burashinganye cyane bambe
Hamwe n'ubwisungane mu buvuzi
Buri Munyarwanda
wese azi mituweri
Iyi dutanga rimwe gusa,
Tugahirika igihembwe cyose
Ubuzima bwacu bushinganye.
Rwanda nziza se
Nabuzwa n'iki kukuririmba
Mvuga ubuhambare bwawe
Kandi ubutwari ari bwo ugwije!

Ubu Umunyarwanda aramwenyura
Ubu atereka amata ku ruhimbi
Aho byibura buri wese atunze
Binyuze muri ya gahunda nziza
Ya Girinka Munyarwanda.

Rwanda nziza sugira usagambe
Natwe abawe tuzirikana isano

Dufitanye nawe y'Ubunyarwanda.
Dusigasire ibyagezweho neza
Intero ibe imwe mu Banyarwanda
"U Rwanda nirweme kandi
rwande."

Dukomeze turebe kure
Tuzirikana ko ejo heza
Hashingira ku bato dufite none
Bityo dutwaze mu burezi
No mu buvuzi ntitudohoke
Dore ko ibyiza byose byagerwaho
Umuzi wabyo ari ubuzima bwiza
Bwa bundi buzira umuze.

Mu bucuruzi tugeze heza
Twaguriye isoko n'ab'ahandi
Ubu barahaha batikanga
Amadovize akaza iwacu.
Mu ikoranabuhanga ntitwatanzwe
Ubu byose ni ku Irembo
Serivisi ubwo zigatangwa
Zigatebuka bikadutwenza
Tuti: "Rwanda urakataje."

Iyaguhanze ntibyayigwiririye
Uzira gusuhererwa ugasusuruka
Usigasiye intwari z'intwarane
Zitwawe n'intore izirusha intambwe
Rwanda ntugatsikire uri
rudasumbwa.

Mugabo, mugore ,
musore nawe mukobwa
U Rwanda mvuga ni mwebwe
Simvuga inzuzi n'imigezi
Simvuga imisozi n'imirambi
Simvuga ibibaya n'imibande
Ndabwira wowe Munyarwanda.

Banyarwanda twese nk'abitsamuye
Nimucyo dufatane urunana
Twitange tutizigama
Twiyubakire u Rwanda
Twarazwe na Gihanga.
Mureke duhuze imbaraga
Dutwaze kandi dutwarane
Kwiha agaciro ni iby'igiciro
Turwitangire tutizigama
Maze kwigira biturange.

Ndasayutse ntaza kuyizimbamo
Nkayazambya ariko Rwanda nziza
Nkunda kandi ndata
Uri ikirezi cyambaye ikizere
Icy'ubu ndetse ni icy'ejo
Gahore ineza itemba mu bawe
Iteka baberewe no kugukeza
Mubyeyi ukundwa ratwa iteka.

**HABIYAKARE Athanase**

## IMPAMBA IMARA ISARI

Rwanda nziza izira ikizinga
Nyamibwa iganje kugera iheru
Haba iwacu ndetse no hanze
Ni wowe hoho ribahebuje
Ni na yo mpamvu nje ngana
inganzo
Ngo hato ntaza no kuzeyuka
Ngo abagutuye isari ibasanze
Nje mbaha impamba imara isari!

Isari njye ntinya yo gatsindwa
Ni ugushora Igihugu imanga
Maze ugasanga gisa n'isayo
Giseba hose banagikwena
Kandi twese imbaraga zacu
Zayitsinda igahera iwayo
Igahera rwose ruhenu bambe
Ni na yo mpamvu ngira ngo muze
Nge mbahe impamba imara isari.

Gukunda Igihugu birakureba
Ndetse no kwigira bibe intego
Enda tubitore tubimenyere
Ni na yo mpamba imara inzara!

Gukunda u Rwanda reka biganze
Ukunde abarwo udasize n'umwe
Ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda
Uhore ururinda ruzire ibyonnyi
Unabire ibyuya ukorera u Rwanda
Iyo mu bukungu mu butabera
Mu bucuruzi no mu buhinzi
Iyo mu buhanzi no mu buhanga
Ni ko gukunda Igihugu cyawe
Ni na yo mpamba imara isari!

Indangagaciro uzi iyo uzitunze
N'abakuyobora ubaha agaciro
Ugira ubutwari inkingi mwamba
Rwose indatwa zamye i Rwanda
Kuva ku bwami kugera n'ubu
Imvugo iraganze ive mu mateka
U Rwanda rwacu ruge rutera
Ubwo kurutera bibe amateka
Iyi ni yo mpamba imara isari!

Nushishozanya inyurabwenge
Uzira guhubuka kizira rwose
Uzira akarengane ruswa ari uko
N'ubutabera bukakuranga
Ubumwe no kuzuzanya biganza
Uzaba intajorwa ihamye rwose
Isari uyisenye uyisige ahaga
Indangagaciro ndaziguhaye
Ni na yo mpamba imara isari!
Kirazira kandi kuba indashima
Ugahora wasamiye guhazwa
Uyobora nabi uca ibice abandi
Bitugukwaha ukayiha urwaho
Wumva byose byaba ibyawe
Ibiyobyabwenge ukabihishira
Bikanamunga bwa bukungu
Ubwo ejo ugasanga dusebye
twese!

Reka mve iriya nakome n'ino
Maze no kwigira mbihe intero
Isari uyitsinde icike rwose
Ugane ubuhinzi n'ubucuruzi
Amasoko ahazwe utaretse
inganda

Tureke rwose gutega amaso
Ibiva imahanga binaduhenda
Twigire twese tutaba intati
Iyi ni yo mpamba imara isari!

Buri wese abigize intego
Maze amateka yanaturanze
Yaba ameza n'amabi ari uko
Akajya atubera isomo ubutitsa
Maze aho utetse nanjye ntetse
Nkabona uriya nk'uyu rwose
Nkaho twonse rimwe mu bwana
Ubwo Jenoside tukayirwanya
N'abayipfobya bagakosorwa,

Ubwo tugasenya umugozi ari umwe
Twaba twese duhamya intego
Uko ari ko kwigira kunakwiye!

Gukunda Igihugu nibiturange
Mureke kwigira bibe hose
Mureke nanjye nsome ku tuzi
Nshutse inganzo niruhutse
Icyampa rwose ukumva neza
Kuko impanuro ndaziguhaye
Ngiyo impamba isari iratsindwe
Nguko u Rwanda reka ruganze.

Cyono rero ngane ikirambi
N'ejobundi nzasubira
Nzaza bambe tunage inama
Dufate ingamba duhashye icyago
Tugere ku mpamba imara isari!

**IRADUKUNDA Elisa**

Mvuze iki Mana ubu ndetse ikihe?
Mbuze aho mpera ngo mbivuge
Ko nasize kera kakahava
Nkagana inganzo nkayihamya
Nkayicuranura ikanoga
Gusa ibi byo birakaze
Biratuneje mba mbaroga!

Nterure ntere se iyi mbyino
Mbivuge neruye mpamije
Ko ntewe ishema n'ibindimo
Ko kwigira ari ihame
Gukunda Igihugu bikanyura
Ngatera numva wamfasha
Ukumva imvano ivuga ukuri
Nkaguha intsinzi igana imbere!

Ngenera umwanya nicare
Nzanira intango unshyire imbere
Enda icara bambe uce akabogi
Nguhe impanuro ikuyobore
Ndaguha impano ikumara ipfa
Ndaguha intsinzi igana imbere!

Umwenegihugu akunze undi
Nta gutoranya kizira
Bakunda ibyiza by'Igihugu
Ururimi rwabo ari rwo bumwe

Mbese nkatwe mfura nzima
Ikinyarwanda ni yo ngombyi
Nitukirinde tukinoze
Kibe nk'icyungo cyacu ubwo
Iyi ni yo ntsinzi igana imbere!

Uramenye urangwe n'ubupfura
Igihugu cyawe ugikorere
Wenda amaraso unayamene
Ugihe agaciro kadashira
Maze ejo usange uzira ikibi
Iyo mu butegetsi birabe ibyo
No mu bukungu utaharetse
Ngiyo intsinzi igana imbere!

Indangagaciro zihorane
Ubaha abayobozi b'Igihugu
Itange uhangaze bibe ukuri
Uragane intwari z'Igihugu
Nk'abatabazi n'abatasi
Gira ubutwari utwarane
Imvugo yame irabe ukuri
U Rwanda rutera nta nkomyi
Gusa guterwa kirazira
Intsinzi yarwo ni impamo!
Urashishoze ibi binoze

Ufata ikemezo gihamye
Ruswa akarengane kizire
Ubutabera bwimikwe
Gira uburinganire ihame
Indangagaciro ngizo ubwo
Nizibe intsinzi igana imbere!

Kirazira kandi kikaziririzwa
Kumena ibanga ry'Igihugu
No kuba intati ugata umuco
Uyobora nabi uduca ibice
Ushaka kwikubira iyi si
Inyungu bwite zijya imbere!

Horana kwigira nk'ihame
Ureke iby'iwacu biyobore
Impano zindi si kamara
Imbaraga zacu ni inyungu
Menya guhinga worore
Mu bucuruzi urabahige
Urahamye iterambere koko
Iyo ni yo ntsinzi igana imbere!

Horana kwigira nk'ihame
Usange abandi mufatanye
Mureme amatsinda mufatanye
Imbaraga z'umwe ntizikora
Nyamara mwese ishyirahamwe
Mwaduhaza tukanyurwa
Mukanasagurira isoko
Mubyina intsinzi igana imbere!

Mukaba mwigize muhamye
Mukaririmba kwigira
Mugize kwigira nk'ihame
Mwaca kwicwa n'ubukene
Isari ntiyaba ikibukwa
Inyota twayita iyo inyuma
Wajya usanga uhora useka
U Rwanda rwanda nta nkomyi
Igihugu cyuzuye imigisha
Abakuru bumvakina n'abato
Bahuje bose ikigamijwe
Bashaka intsinzi igana imbere!

Mbivuze byose mwaruha
Byafata umwanya utanahari
Mureke kwigira bihame
Gukunda Igihugu byimikwe
Ndabyumva ubyumve tubikore
Duhamye intego tugamije
Maze ejo heza haboneke!
Henga rero noye ayo
Ncumbikishe ndekere aha
Urakoze kuntega yombi
N'ejo kandi nzongera
Nzaza twongere tube umwe
Nguhe impanuro ikumara ipfa
Amamaza iteka ibi tuvuze
Abantu bose bakomere
Bagire ***intsinzi igana imbere!***

**IRAGENA Sarah**

Bwari bwije mu kagoroba
Akavura kantoheje hakonje
Ari utujojo iryo joro ryose
Joriji wacu agana ikirambi
Asanga nota umuriro waka
Akabogi ni uko turagaciye
Aterura atera ambaza anatuje
Ati: "Ariko u Rwanda ubwo
urarukunda?"
Ati: "Harya kwigira byo urabizi?"

Nshyitse ku rutara ndora igisenge
Ndaramye rwose imitima inkuka
Nkaraga ubwonko mbura gisoza
Inyishyu ya Joriji imbera ibamba
Ijoro ritana agatotsi ntako
Ubwo mu gaseso nsohoka wese!

Ngera imicyamo ngera amataba
Ndenze imisozi minutse iyindi
Ubwo ngwa agacuho intege zicitse
Nti: "Ariko ubundi ndagana hehe?"
Nti: "Ariko rata menye icyo nshaka
Nanarara inzira nyigenda
Icyaka cyaza nkanywa utuzi
Icyuya cyaza ubwo nkagicyaha
Isari inganje nyibera ibamba

Sinatinye no kurya inkuna
Ngo nigere impuzankano itubera!"
Ntumira ingongo ziza zose
Maze ubwo zemera inganzo
yanjye
Abantu benshi baza aho ndi
Nterura ntera mbaha impanuro!

Nti: "Gukunda Igihugu nibibe intero
Nta gutoranya biratabwe
Ibigize u Rwanda nitubikunde
Umuco uwucunge ntugucike
Utava aho ucurama ukaba
igicibwa
Ururimi rwacu ruraduhuza
Uramenye urinde abarutokoza
Hato bataza kuruha akato
Ubwo Ikinyarwanda kibe gitwaye
Kinabe impuzankano itubera!"

Gukunda Igihugu ni igihango
Ni umurongo ugana Gihanga
Ubwo iyo ugikunda urangwa n'ibi:
Ugiha agaciro kazira isoza
Uhora ugikorera ukabira icyuya
Ntunatinye kumena amaraso
Ngo ejo udasanga gisa n'isayo
Ahubwo usange gisa n'ikeza
Ikirezi kiza kigaba ibyiza

Iyo mu butegetsi no mu bukungu
No mu mibereho izira icyasha
Abana bacyo babe bakeye!

Indangagaciro zo kugikunda
Zirakurandeho ubudatuza
Ubaha abayobora Igihugu cyawe
Uramenye itange ugere ikirenge
Mu cy' abacengeri abatabazi
Abatasi bacyo bagikunze
Ngo hato umwanzi atagitobanga
Gira ubutwari batagutwama
Uramenye u Rwanda
ntirumenyerwa

Ubwo ruratera rwo ntiruterwe
Rugatabaruka runatsinze
Kubyina intsinzi bikaba hose
Bikaba impuzankano itubera!

Gira ishyaka uhiganwe uzire
kuneshwa
N'ubushishozi bwakubera
Ugafata icyemezo kinakwiye
Itonde rwose unakame ishashi
Ruswa akarengane bihe akato
Urabikumire bihere iwabyo
N'ubutabera nibukurange
Ndetse uburinganire buganze
Utaretse ubwuzuzanye mu rwawe
Indangagaciro ndaziguhaye

Nizibe impuzankano itubera.
Kirazira kandi mfura y'u Rwanda
Guta igihango ukamena ibanga
Dore birangana n'ubucucu
Aho ufata incyamuro ifite ubugi
Ukayitemesha ishami wishikamije

Kirazira kandi mfura y'u Rwanda
Kuba ikigwari uyobora nabi
Ubogama wigira ngire byose
Ugahora ugenzwa n'inyungu bwite
Ugacamo abantu ibice ubishaka.

Nimureke twigire tunatware
Ak'iyo imuhana ko karahanda
Tureme inganda z'ibiva iwacu
Ntitwihe akato duteze amaso
Impano zose ziva imahanga
Umenye guhinga no gucuruza

Utaretse korora zirya mbyeyi
Imirimo iwacu nituyihange
Maze amahanga aze agana iwacu
Uku ni ko kwigira kunakwiye
Ni na yo mpuzankano itubera.

Nimureke twigire tunatware
Imbaraga z'umwe zigerwa ku
mashyi
Nimureke twigire tunatware
Imbaraga z'umwe zigerwa ku
mashyi
N'abajya inama Imana iraza
Ya matsinda yo kuduhuza
Atume turonka n'ibiduhaza
Uku ni ko kwigira kunakwiye.

Nimureke iterambere riganze
Tureme ibyiza ubwuzu buze
Impundu urwunge zivuge u
Rwanda
U Rwanda rwande iyo mu
mahanga
Rube umutako uteye ubwuzu
Dukunde u Rwanda biratureba
Tureke kwigira bibe ibyacu
Maze murebe ngo turatsinda!

Ncutse inganzo nshumbikishe
Nyoboke icumbi ry'ikivi cyanjye
Naho umutaga nawurenza
Nta kuryama ntanga inama
Mureke twese tubiririmbe
Tugire "impuzankano itubera!"

**IRUTINGABO Ruben**

Ejo nasuye sogokuru
Nsanga yicaye ababaye
Ameze nk'aho yashobewe
Mvuze ngo mwiriwe araseka
Agaseka ansanga acururuka

Aranshyikira ati:"Komera
Mwana wanjye urakarama
Dore urahirwa mba nkuroga."
Sinashyikira ibyo aziguye
Maze ndatuza nca bugufi

Nti:"Ubu ubwo ahari nkiri hano
Aransigurira ibyo avuze
Kuko n'ubundi ni ko ameze
Ajya aducira n'imigani
Agasobanura icyo ivuze".

Nti:"Ese muze.., ati:"Karame"
Nti:"Karame nawe usumbyeho
Ko maze akanya hano koko
Nkaba ntaruzi nyogokuru
Ahari ntari mu buriri

Kandi naje mukeneye
Ngo musobanuze umukoro
Baduhaye ngo dukore
Ku buryo dukunda iki Gihugu
Ndetse no kwigira dufite

Nk'Abanyarwanda bashikamye?"
Maze umusaza arakorora
Araseka cyane arumirwa
Ati:"Ese mwuzukuru koko
Ko nagusanze ngusekera

Kandi waje ntanavuga
Wansuhuza nkagaruka
Umutima nkumva urarekuwe
Ni iki cyambuza kuvuga
Ko umurage wacu usigasiwe

Kandi unganje mu maboko
Ngo nguhe inama ikuyobore
Ejo iyi nkingi nshikamiye
Igihugu cyacu ni cyo mvuga
Tutayisenya tukazima.

Iminsi ikaza ikaturuma
Ndetse amahanga akatuvuma
Kandi i Rwanda tubyiruye?"
Dore mukecuru ahoze aha
Tuvuga iby'uru rubyiruko

Rubona itamba rugahaba
Ndavuga ya sha ibakurura
Maze bakandavura koko
Ngo barashaka kujya kure
Iyo mu mahanga ni ho mvuga.

Ngo ni ho heza kurusha ino
Gusa nge ndumva nababaye
Kuba basamara bagahaba
Kandi bakagize batya
Bagakora rwose bashikamye.

Maze bakigira muri bo
Aho bashaka hakagerwa
Ubwo nkubwiye uko njye mbona
Hano mu Rwanda uhakoreye
Ugakora neza udasobanya

Byaguhira mba nkuroga
Amahoro araganje ndabibona
Kandi inganda zirahari
Ndetse iyo urebye ubuyobozi
Usanga nta nkomyi bagira.

Bityo bakunda n'umurimo
Kuko bashaka ko Igihugu
Kigira isura ibakurura
Maze bakimukira hano
Bakanahashora ngo dukire!

Ati:"Uzi impamvu navuze nti:
“Wowe urahirwa mba nkuroga?"
Umutima utangira unyibutsa
Ko ubwo yashakaga ngo menye
Ibidukwiye urubyiruko

Maze ankosore ngororoke
Nzabitoze abasigaye
Ariko ndanga ndagumya
Nti:"Reka mbwira nteze amatwi"
Ati:"Cyo tuza mwuzuku...

Ku mukoro wawe ndagufasha
Ariko ukunde unkundire
Maze izi nama uzikomeze!
Navutse nsanga hari bike
Dore ibi byose ubona hano

Bije rwose vuba gato
Kubona amashuri bidahari
Ibitaro i Rwanda bibarika
Imihanda utamenya uko imeze
Amazi meza utayabona

Muri make iterambere ubona
Rije none mwana wa!
Kuba mu Rwanda twigira
Turabikesha uyu muco umwe

Guha agaciro abo turi bo
Kumva natwe dushoboye
Gukora cyane tutaziga
Ariko kandi bishoboka
Kuko turi umwe muri rumwe

Ndavuga u Rwanda uru ruturimo
Kuko ni natwe turubamo

Ururimi rwacu rwo ni rumwe
Ikinyarwanda ni cyo muco.
Turimo gusaza urabibona

Mwe muracyafite imbaraga
Muri batoya bishoboka
Nimukumire abakizimya
Ndetse ubwo twigire dukore
Maze amahanga atuyoboke
Igihugu cyacu gisugire!

**ISHIMWE Aimable**

## MURUHE IMPUMBYA RUGUME KWANDA

Ni wowe mbwira wowe warwonse
Ntirukujyane kure y'ibyansi
Rukaguhaza gusa umuneza
Rukagutoza n'imico myiza
Ngo ejo hazaza uzabe ingenzi.

Niturukunde turugwe mu nda
Tunarutabarire nibikunda
Kuruha umusanzu ni bibe intego
Kurusakara dufate inzego
Hato rutazava rufite abana.
Amateka yacu agisiga indembe
Ntiwatabaye havuze ihembe
Waje bwangu udasize ubwungo
Umaze kuvura utereka intango
Dusomaho twese dushira intimba.

Iyumvire rata murezi mwiza
Nawe muganga twita intyoza
Nimururinde rugume kwanda
Rube u Rwanda ruzira umwanda
Twitwe beza tunaba heza.

Banyeshuri se iyo mu mashuri
Ubumenyi muhabwa ari na yo mari
Bumarira iki Igihugu cyanyu
Cyangwa wenda buba n'icyanzu
Umwanzi anyuramo aje
kugisenya?

Mwebwe se bubatsi n'abayede
Igihembo cyanyu ni umudende
Kuko mwaruhereye mu isiza
Mukaruranda mutimyoza
Rukaba rwemye no mu musingi.

Hanyuma se nzego z'ubucuruzi
Mukora iki rwose ku byo muruzi
Byatuma u Rwanda rugwiza
amahoro?
Aho ntimurara munyereza
imisoro,
Mwakagombye kuba intajorwa?

Bayobozi beza se twatoye
Ngo mutubyutse aho twaguye
Inshingano zanyu ntimwazihunze
Twari kuzagera ku bihenze
N'u Rwanda rwacu ubwo
ntiruzongwe?

Burya za ntwari tujya tubwirwa
Ndavuga Imanzi, Imena n'Ingenzi,
Imibiri yabo ntiyari ibyuma
Gukunda u Rwanda n'ubutabazi
Ari yo nkingi ituma banesha.

Tugere ikirenge mu cy'ababanje
Turukorere no mu bukonje
Ni yo nkunga dusabwa none
Si na ngombwa kuvuza ihoni
Ngo ubone gutanga amaboko
yawe.

Sinava i Rwanda ngo ngire iyo njya
Nako naba nabuze n'iyo mba
Gukubita abanzi mufate ndembo
Mukumire amage arembere.

Sinzi ijambo umutima umbwiye
Gusa ni ryiza hinga ndibabwire
Kuko gukunda Igihugu cyacu
Ndetse no kwigira twebwe ubwacu
Ntawe muri twe byagwa nabi.

Ndumva impundu aha mu  kirambi
Ndumva ishimwe ndi ku ruhimbi
Umutima wamye untota
Kuririmba u Rwanda ndurata
Rwankuye ahaga ubu ndi ahanda.

Uru Rwanda rwacu ni umutako
Umutako ntushyirwa ku nkoko
Ubikwa neza ugashyirwa aheza
Ndetse si ubuntu ugura n'ifeza
Turuhe agaciro ruragakwiye.

Turuhe impundu rugumye rweme
Turuhe impumbya rugume kwaka
Turuhe amaboko ruradukunda
Turwereke inguma rurazikanda
Tunareke Imana igume irutware.

**NIZEYIMANA Venuste**

Nahawe impamba kamazi Rwanda
Yo kuba inshungu y'umuco warwo
No kurutoreza ishyaka abarwo
Mu kurukunda biba igihango
Biratuneza dusoma intango.
Kuva ruhangwa iyo kare cyane
Ku ya Gihanga we waruhanze
Impamba twese iba kurukunda
Irage i Rwanda ubwo riravuka
Abenegihanga turaritora.
Abato barwo ubwo turatozwa
Ishyaka ryarwo turarigwiza
Ukwanda kwarwo kuruta inyanja
Imbuto n'amaboko turaruhaza
Bihera ubwo kwigira biradutaha.
Impamba y'indi turayihabwa
Ibisubizo byarwo biva mu barwo
Umukuru umuvanda turabishaka
Ngo hato tudatatira cya gihango
Byanarimba tugahezwa intango.
Bene u Rwanda tubaye twese
Isoko sano ibaye iya bose
Ingeso twese iba kurukunda
Kurwitangira biba intego.
Benimana ndavuga abarwo
Inkiko z'u Rwanda turazikwira
Byo kururinda umubisha hose
Turarurwana amanywa y'ihangu
Nta gisibya kiruta u Rwanda.
Dore impamba turagwa iteka
Kuba intwari kamazi i Rwanda
Ukarukunda byo kudatuza
Umurage warwo ukaraga abawe
Mu kurukorera ukaba umurenzi.
Nta bugwari si umuco iwacu
Ntitubushaka buragatsindwa
Mucyo duheze ishyano iyo
ishyanga
Dukorere u Rwanda ntagihunga
Igihembo cyabyo kizagwira.
Ijabiro aheza hatetse abarwo
Intwari kamazi z'Abanyarwanda
Impamba yabo ntibayitaye
Abato babo twarayinyoye
Ni yo mpamvu duseka iteka.
Amahoro iteka aranga u Rwanda
Si impamba dukesha imahanga
Ni ibisubizo muzi mu bacu
Ndavuga intwari izo zabishatse
Ngo ejo u Rwanda ruzire icyavu.
Abato twese urugero ni uru
Kandi akebo mugerwa ubwo ni aka
Impamba twese turagwa iteka
Ni ukuba iteka umwase waka
Umurikira u Rwanda none n'ejo.
Gukunda u Rwanda ni umugambi
Duhuje twese ntawe ubeshya
Si amashyengo nk'aya numva
Si n'igihuha gihawe impundu
Ni yo mpamba kamazi i Rwanda.
Abadahemuka bo Banyarwanda
Imfura rugero z'u rwa Gasabo
Bararukunze kugeza none
Barunambaho bishyira kera
Ngo twe abavuka tuzarusange.
Abataneshwa barukunda kera
Bararurasanira ingoma n'izindi
Ngo barwimane rurambe ibihumbi
Amagara yabo barayatanga
Ngo u Rwanda iteka rukunde
rweme.
Kwigira i Rwanda si ibya none

Shenge barunambaho
ntamahanga
Nta muhana basabye iramba
Cyangwa undi wabatiza
umuganda
Kandi bakarenga ubwo
bagatsinda.
Ababyeyi twese impamba n'iyi
Twese u Rwanda abato tubyara
Bakurane u Rwanda umutima
wose
Ibisubizo byarwo bibabe intaho,
Bagoboke u Rwanda aho
rubagombwe.
Abato mwese rungano rwanjye
Twese impamba turagwa ni imwe
Ni ugukunda Igihugu cyacu
Nta gutererana abato usanze
Batojwe iteka gukunda u Rwanda.
Nimucyo twese duhuze intego
Dukunda u Rwanda bizira intati
Dukorere twese urwatubyaye
Impamba kamazi turage abacu
U Rwanda iteka ruhore rwera.
Mana rurema waremye u Rwanda
Ragira urwiza uru tugukesha
Mu barwo iteka amahoro aganze
Ubahe umutima n'ishyaka ryarwo
Amata ubuki bibe bigwire iteka.

**NSANZIMANA Emmanuel**

## UMURAGE TWARAZWE NA GIHANGA

Ndi mu rugendo ngana aho iwacu
Mbona umusaza unaniwe cyane
Mukubise amaso ariruhutsa
Nkaho yijuse kinyarwanda
Maze akabando agakoma hasi

Ati:" Umuco wacu ntugacike."
Ati:"Mwana wanjye icara nkubwire
Nta mutindi ubura amatiku
Ntawutaha umutima wundi
Ariko iri jambo rikugwe mu nda.

Amahanga ureba burya arahanda!
Mwana wanjye ntega yombi
Ikiruta u Rwanda nta cyo ubonye
Nta cyo uhawe kiruta icyawe".
Ubwo turagenda amanywa yose

Turaganira bishyira kera
Ntiyaca hirya anshira umugani
Uyima u Rwanda akanywebwa n'imbwa
Iryo ni ryo banga ryaturanze
Kugira ngo urwacu rutekane

Tuba tuvuye mu bwigunge
None twitwa ibihangange.
Gihugu cyiza cy'Abanyarwanda
Umwenda twambara tukaberwa
Kome twota ijoro n'umunsi

Umurage twarazwe na gihanga
Ndorerwamo nziza y'Abanyarwanda
Disi ntawe ukibura intaho
Amahanga yose aragana aho uri.
Igihugu kiza ngombyi iduhetse

Gabiro twagabiwe n'Imanzi
Inema zaramiye umuryango
Hoho ryuje amahoro iwacu
Umuco twese dufite none
Gukunda Igihugu ijoro n'umunsi

Ukwigira kwiza kw'Abanyarwanda
None nanjye reka nge inganzo
Oroha wumve igeno ry'umunsi
Kwigira nyako dufite none
Wowe Gihanga yaturaze kera

Ikinyarwanda ingobyi iduhetse
Gifatwe neza ejo kidacika
Ingabire twarazwe kuva kera
Reka tukiteho uko bikwiye
Ari na ko kwigira kudukwiye.

Anjyana hirya anyereka byinshi
Igorofa ryiza ati: "Dore reba
Imihanda myiza amatara araka
N'amata yizihira abatoya
Dore burira avuna imitozo,

N'abayatanga bafite itoto
Na bo barizihira umutuzo
N'umutekano utagira uko usa.
Dore iri terambere riganje
I Masoro rwose harasa neza

Inganda nyinshi ubu ziraganje
Gukora iby'iwacu ubu ni na yo ntero
Naho imahanga byo birahanda
Turahirimbanira iby'iwacu
Ni na ko kwigira kw'ahazaza".

Ngarutse hino ati:"Ntega yombi
Dore imisambi iserutse cyane
Amariba atemba amanywa y'ihangu
Imigezi isuma ijoro n'umunsi
Imisozi isanganiza umuneza

Ibibaya byizihira ubutitsa
Imirambi irambagiye umutuzo
Uru ni rwo rwawe ba ari rwo ukunda".
Ajya gusoza ansigira impamba
Ati:"Ubu u Rwanda ni nyabagendwa

Ushaka araza nta guhezwa
Aradusura akabona ibyiza
Pariki iwacu zuje ibyiza
Inyambo nziza ziravumera
Ingagi nziza aha ziraganje

Amashyamba kimeza nyaburanga
N'amadovizi akatugwa neza.
Gira inka iwacu ubu zirarisha
Shisha kibondo ikujije benshi
Amashuri iwacu turaminuza

Ikizima iwacu ni umutuzo
Amatara hose aratamurikira
Ibitaro byiza imiti yaraje
Umusoro mwiza turawutanga
Ari na ko twiyubakira u Rwanda".

Maze umusaza amaze gusoza
Arasubira afata akabando
Ati:"Ukunde igihugu utizigama
Uharanire kwigira utijana
Ararekwa ntagera ku musozo".

**TUGIRAMAHIRWE Eugène**

## DUKUNDE U RWANDA, TWIGIRE

Nserutse nsindagiwe umusanzu
Nteruye nganje nteretse ingamba
Mbadutse wese nje n'umurava
Nteretse intango ngifite ijambo
Nkomeje inganzo ndi mu bihumbi.

Mpuruje bose ntaretse ingimbi
Ngo mbone ikaze maze nze
nganze
Ngabure inganzo ingabire iganze
Nze mbahe inama zuje ibyiza
Maze dukunde Igihugu cyacu.

Kubaho twigira bibe intero
Maze duteze imbere uru Rwanda
Ruhore iteka rufite ibyiza.
Gukorera u Rwanda ni wo murindi
Si ukubeshya muranabizi

Ntabwo najya kure ntabeshye
Hera iwanyu hamwe mutuye
Dore imihanda itatse u Rwanda
Ubu umuganda nta kuganda
Ya mahonda agenda ahinda

Ahinda yose nta gutinda
Cyaba icyondo waba umwanda
U Rwanda rwabitaye iteka!
Amahoro i Rwanda dore arahinda
Aradutera gukora twemye.

Ingabo zacu ziraturinda
Ngo ziturinde ababa bavunda
Abo bacengera baracungwa
Tukabacogoza batacika
Tugaca hose ntibaducike.

Mu muco wacu tukabacakira
Tukabacisha aho bagaciye
Maze bakicazwa mu gacaca
Ubwo amagambo tukayacoca
Bagaca iteka ko babicitse

Kuko gutera Igihugu cyacu
Uraba ugorwa bitari ngombwa.
Aho gutera ngwino neza
Tuguhe icumbi maze unature
Dutume u Rwanda rugera heza

Kuko twe iteka turarukunda!
Reba inganda zihamye i Rwanda
Ibikorerwa i Rwanda turabikunda
Ngo ejo ejobundi tugere aheza
Nk'uko iteka ari na yo ntego

Kuko no kwigira Banyarwanda
Burya bihera ku bumwe bwacu
Ari bwo twese duhora twunze
Ngo budasenywa tugasa nabi!
U Rwanda injishi y'Abanyarwanda

Rugo rubyara intiti z'ahaza
Rugo rutunze igicu cy'ibyiza
Rugo rutinjiririrwa n'ibiza
Rugo rugwiza ruzira iheza
Rugo rutoza kuba ab'intyoza

Horana Imana n'amafaranga.
Sugira sango ry'Abanyarwanda
Gahore usingizwa kibasumba!
Rugori rwera rugo ruhire

Rugari rwuje ishya no guhirwa
Rugira ganza mu rwo wahanze
Rugire urwunge urwo rw'urugwiro
Rugira aganze urugo arugenze
Rugaba atange ingabire i Rwanda.

Rurema yamamazwe mu Rwanda
Maze amahanga aze abure urwamo
Abatakuzi bareke urwenya
Sugira sango ry'Abanyarwanda
Gahore usingizwa kibasumba!

Sugira sango ry'Abanyarwanda
Ni wowe songa isobetse isano
Mu muco wacu uhamya ubuganji
Ururimi rwawe ruraduhuza
Bityo tukanga ko rupfa iteka

Kuko rusenywe tuba dusenywe
Kandi twitwa ko turukunze.
Mureke twange umugayo iwacu
Dukore neza tubahe intero
Ab'abamahanga batwigane

Twange icyago n'icyagane
Umuco w'u Rwanda uhore uturanga
Ni ko gukunda Igihugu cyacu
Bituma iterambere rigwira
Mu maboko yacu nk'Abanyarwanda!

Dore uru Rwanda mubona none
Kuba rukeye mu buryo nk'ubu
Si ibyo rwazaniwe n'abandi
Ahubwo byafashe inzira ndende
Kandi yuzuye imifatangwe.

Bityo ubwo twebwe turiho none
Kandi tuzi imbere dushaka
Mureke iterambere dushaka
Turitegure vuba na bwangu
Umurimo utezwe imbere mu rwacu.

Ku buryo u Rwanda turimo none
Ruzaba nk'indorerwamo ahandi
Bumva bagera kure nkatwe!

**TUYISHIMIRE Sandrine**

Karame Rwanda nyiri urugwiro
Wahoze uganje ndetse na n'ubu
Ibigwi byawe bigira isumbwe
Mu buryo bwose ugahamya inganji
Akana kawe nanjye ndaje.

Kandi ndaje nta kwiganda
Akira ipfundo ryuje ubwuzu
Zaba inama cyangwa ineza
Ku manywa y'ihangu ndaje rwose!
I Rwanda iwacu twuje ihirwe

Kubona u Rwanda bitera ubwuzu
Ibi mbabwira ni ko biteye
Nahoze nitegereza byinshi
Yaba ari isi muri rusange
Amahanga ntandutira uru Rwanda.

Ruhora iteka rugena ibyiza
Bikaba ari umurage Gihanga
Abacu bahasize bagiye
Ndetse batewe ishema n'u Rwanda
Dore ko kwigira uku dushaka

Aho bihera ni mu guhuza.
Ni iby'ingenzi ni n'agaciro
Igihugu cyacu kuba kiganje
Ururimi rwacu ruraduhuza
Gusa nanone tunarukunde

Umunsi rwaba rutakiganje
Kubabara byaza nta nteguza
Umunsi twaca umuco w'u Rwanda
Ndabisubira byatugora
Dufashe ibyacu tukabisenya

Amazina y'inka akazima yose
Imigani yacu ndetse n'inganzo
Gusaba nta gutarama bije
Ingeri zose z'ubukwe nta zo
Hakaba nta kuvuga imisango

Umusizi i Rwanda akazima iteka
Gutebya kwacu tukabizibukira
Umuntu akavuka avuga uruzungu
Ntakubanza kuvuga data?
Oya ibi rwose dore ndabyanze.

Kuko gusenya umuco nyarwanda
Waba usenya inzu urimo rwose
Ikindi ni ubujiji burenze
Guta ibiranga Igihugu cyawe
Ikinyarwanda ni cyo nsigura

Gihuza abantu inzovu ibihumbi
Twese ntibagiwe ababyeyi
Wabireba uti: "Njye ndacyanze?"
Erega bantu mwe nze mbabwire

Ururimi rwawe iyo warukunze
Bituma ukunda Igihugu cyawe
Wasobanukirwa urwo utuye
Amaherezo kwigira ukabishaka
Cyaba ikiza uharanira iteka
U Rwanda urwimana ushize amanga!
Icyo nshimangira dore ni iki
Kubaho wigira biraryoha
Ibyacu i Rwanda byaduhaza
Nta gutitiriza ku bandi

Yewe kandi banakujoga
Ak'imuhana kandi turanabizi
Rwose kaza imvura inyonyombye
Wowe jya ukunda umuco nyarwanda
Abatawuzi unawubatoze

Ndabikubwiye ni yo mahirwe
Dufite none nk'Abanyarwanda
Atuma ishyanga rinadusura!
Ibyo twe twagezeho birazwi
Ndetse bivuye na kure cyane

Gusa iri pfundo ry'ubunyarwanda
Ongera  uryimakaze gitore
Baba abana ubona batoya
Yewe cyangwa abakuru bose
Inzira ni imwe igana gutsinda

Yaba igoye cyangwa icyama
Umuntu wese arinde injishi
Maze uru Rwanda dufite none
Ubumwe kandi buzira urwango
Cyono tubyubakire biture!

Ongera urebe amahoro ahinda
Ndetse unarebe igice cy'inganda
Uko dushora ni ko bibyara
Maze tukizihirwa dutsinze.
Umurage i Rwanda, umuco nanone
Reka udukungahaze birenze
Abatatuzi bamenye ibyacu
Garura umwihariko w'u Rwanda
Erega u Rwanda uru ni rwo rwawe!
Bireke ibyasiba ubunyarwanda

Yemwe abangiriza uru Rwanda
Uramenye ntubatize umurindi
Rinda ibyagezweho udasenya
Winahunga Igihugu cyawe
Aho uri hose umutima utuze

Ndetse unawerekeze ku Rwanda
Dore umubyeyi ntata umwana
Aho wajishe ntuhatere!
Mwumve kandi mwumve neza
Umunsi wata ubutoni utatse

Gutana byaba byakubonye
Ishema utatse waba uryishe
Ryakakwaguriye ubukaka
Emera wihaba turaganje!
Aho naciye navuze byinshi
Mureke twitanagire urwacu
Aho gushora amaboko ishyanga
Hera iwacu ni yo gahunda
Ogeza ibyacu ubihe agaciro,
Reka utagwabizwa bigatinda
Ongera wimakaze ubutore!

**UKWISHAKA Modeste**

Ndavuga u Rwanda rwa Gasabo
Urwa Gihanga ruzira icyasha
Icyanga cyarwo ni Abanyarwanda
Ishema n'isheja bikaruranga
Kubera intore izirusha intambwe.

U Rwanda rwacu rwiza ubu
Rufite ipfundo ry'umuco wacu
Indangagaciro na kirazira
Gukunda Igihugu no kugikorera
Ari umusingi w'Abanyarwanda.

Abakoroni batanyuzwe n'ibyacu
Baca bugufi bacirira amaboko
Baradusanga turabasanganira
Turabasasira turasangira
Inkongoro yacu barayibogora
Ingobyi ihinduka ingoyi.
Dusesa urumeza turasuhererwa
Ijabo n'ijambo bitaha ishyanga
Injishi yacu barayijishura
Indangagaciro na kirazira
By'umuco wacu bihinduka ico.

Dutatira igihango cya Gihanga
Bahanga ibidutanya birahamya
Intango yacu ihinduka intorezo
Intore zibura itorero
Abaruvuka bahezwa ishyanga.
Ingoma zibura imirishyo
Barahatuye biratinda
Bafata ingamba zigana urugamba
Babohora Igihugu ingoma y'igitugu
Ni indashyikirwa, indangamirwa
Mu gusigasira ubusugire bwacu.

Rubyiruko mwese mboni
z'uRwanda
Twagaruriwe Itorero ubu
turatozwa
Gukunda Igihugu no kugikorera
Twicare ku isoko dusogongere
intango
Y'amahoro, umutsima
n'umutsama tubyegere.
Interuro, intero n'inyikirizo
Imbyino, ibisigo n'ibisingizo
Guca imigani no gusakuza
Kuvuga amahamba n'amazina
y'inka
Bibe intego y'ururimi rwacu
Himakazwa umuco nyarwanda.
N'indangagaciro zawo.
Hano hafi tubona ibigwari
Isari yateye isahura umutima
Bashira isoni baruka isaro
Iry'icyubahiro rirasibangana
Intego yabo ari ugusebya Igihugu
Twanze ko badutoneka
badusesereza.
Ntitugisuhererwa ngo dususumire
Dusumire ibidusumba kuko
Tudashaka gutokorwa ukundi.
Turi mu ngamba zo gukunda
Igihugu, duharanira kwigira.

Tuvome ubumenyi
n'ikoranabuhanga
Mu burezi bubereye u Rwanda
Turwanye ruswa imunga Igihugu
Tunamagana ingengabitekerezo
Ya Jenoside tuyihashye
Dukomere ku muco wacu.

Dukorere hamwe tutizigama
Twiha agaciro by'umuco wacu
Dufite intego yo kwiteza imbere
Duharanira kwigira nyako
Ak'imuhana kaza imvura ihise.

Dusigasire ururimi rwacu
Indangagaciro n'umuco wacu
Dukunda Igihugu no kucyitangira
Ibendera ryacu rizamurwe
Mu Gihugu hose no mu mahanga.

Indirimbo y'Igihugu yubahirizwe
Ni ryo sano dufitanye twese
Ejo heza tuhagire intego
Kwihesha agaciro tubyimike
Bibe umwihariko n'ibanga
ry'Abanyarwanda.

Maze dutahirize umugozi umwe
Dutunge maze dutunganirwe
Tugire ubuzima buzira kuzima
Tuzimure ibyazimiye
Maze umuze uduhunge.

Twicaye ku gicumbi cy'umuco
Urangwa n'indangagaciro
Turavuna umuheha tukiyongeza
undi
Twenyegeza uruti tugira tuti:
"Icumu ryacu ntirikagobe"

Inka idukamirwa ntigateke
Icyansi tunyweramo ntikikabogoke
Ingobyi iduheka ntigasaze
Urwuri rwacu ruhore rutoshye
Tuzahorane ishya n'ihirwe
Mu gukunda Igihugu no kwigira.

Ararekwa ntashira
Atavunaguye ntakwirwa mu
ruhago
Ndi umuhanzi uhangana ubwenge
Ndi umusizi usumbyeho
Uwo nasigiye agasigara asiganuza
Ibisigisigi by'ubusizi, nkitwa:

**UMUMARARUNGU Alice**

## NKUNDA IGIHUGU CYANJYE

Ndi Umunyarwanda utajajaba
Kandi nkunda Igihugu cyanjye
Rwose nemera umuco wacyo.
Indangagaciro z'abaruvuka
Iyo tuzihurije mu ngamba
Njye mbona ntako bisa ngatwarwa.

Ndi Umunyarwanda uhorana isheja
Nkunda Igihugu mu bihe byose
N'iyo nsinziriye bisanzwe
Ndota namamaza iby'iwacu
Ngahora nsigasira ibyagezweho
Ngahashya ntacogora ababisenya.

Rwanda nziza Gihugu cyanjye
Nzagukunda kugeza nshaje.
Nzakurata aho ngeze hose
Nzakurwanira ishyaka iteka.
Mu rurimi rwacu rw'Ikinyarwanda
Nzasobanura ibigwi byawe.

Abanyarwanda turagukunda
Abagusura bakagushima
Abo bagupfobya ngo uri gatoya
Ngo urakennye cyane nta kigenda
Ntibazi intambwe umaze gutera
Tuzabamurikira aho wavuye.

Kunda utakwe ibirezi shenge
Kandi utsindirwe abakurwanya
Amaboko yawe tukuri hafi
Tuzagukorera tutiganda
Tugamije kwigira ubudatuza
Abakujora babure ijambo.

Mubyeyi ukindikije urugwiro
Rwanda rutigeze rwandavura
Waratubyaye utwonsa neza
Ntibakakwandagaze tubyumva.
Twe tuzi neza uko watubumbye
Ubumwe busaze bukadutaha.

Ibigwi byawe ni igisaga
Indangagaciro z'umuco mwiza
Waranaziduharaze ntiwaturemba
Tuzagukeza ingoma ibihumbi
Tuzakurwanirira bitinde
Maze tuguture dutekanye.

Uhora uhinda ubunebwe cyane
Uti :"Nimwigire Banyarwanda."
Koko iyo ni ingeri y'ubutwari
Niturange duhashye byinshi
N'abaducisha inshuro itagwira
Batangare duhize ibyabo.

Ni byo koko twigire birakwiye
Twizigamire dutere imbere
Dushore imari turonke inyungu
Turye intungamubiri dukure neza
Ibyo kugwingira mu bitekerezo
Biragatsindwa mu Banyarwanda.
Erega nta cyo tubura iwacu
Gusa unatembereye amahanga
Rahura ubwenge ugaruke bwangu
Ushyire mu bikorwa tukwigireho
Ntugatinde utazata ibaba
Ukitwa intati wari intore!

U Rwanda rwacu rufite byose
Ukunze ugakora ntibaduhiga
Nk'ubu wiyemeje ubuhinzi

Ugahinga ugamije kugera aheza
Ubigize umwuga uzagutunga
66.Ntiwadutsindira inzara i Rwanda?

Ubaye woroye ayo matungo
Ubikora ukunze kuko uzi impamvu
Ukagwiza ayo mata n'amafaranga
Ukagira umuryango uteye ubwuzu
Umuzimyamuriro akurata ibigwi
72.Ibyo si ukwigira Munyarwanda?

Ufite indi mirimo baraguhemba
Si bibi rwose ni indi ntambwe
Ntuyipfobye ngo uhembwa make
Ngo: "Ntacyo wageraho urabizi!"
Ngo: "Ushake indonke izakugora!"
78.Ngusabye nkomeje kunyurwa uko uri.

Dore uwo wiyita umushomeri,
Ngo: "Nta nkunga nta gishoro"
Ngo: "N'ibyo kwigira ntabyumva."
Nkundira ukanguke ukore ibwonko
Ntuvuge kandi ngo ntushoboye
84.Kuko ibyo usebya ni byo musingi.

Haranira kwigira muri byose
Kandi ukunde Igihugu cyawe
Ibyo ukora byose ube indashyikirwa
Iby'urucantege ubite hirya
Imihigo yawe uyese yose
90.Ugende wemye mu rwakubyaye.

Shenge Rwanda mpoza ku mutima
N'ubwo nsubitse inama zanjye
Uburyohe bwawe ni twe tubuzi
Ubukungu bwawe ni twe butunze
Ishema ryawe ni twe ribera
96.Utagukunda azaage iteka.

Uri umubyeyi untoza ibyiza
Horana ishema, horana isheja.
Indangagaciro z'umuco wawe
Nzazikindikiza ntamwaye
Kwigira mbyimakaze mu banjye
102.Uwo murage uzagere ku buvivi.

Munyarwanda kataza utere imbere
Uharanire kwigira ubudatuza
Kandi wubaha umuco wawe
Urimbishe Igihugu cyawe
Abagisura ubahe urugwiro
108.Ushima udateba iyaremye u Rwanda.

Amahoro i Rwanda ntagakuke
Abana bawe tukwizihire.
Abashaka kuducamo ibice ukundi
Rurema azahore abaturinda.
Tubeho twunze ubumwe ntakuka
114.Tubumbatiye indangagaciro nyarwanda.

**UMWARI Cressence**

Imarakinegu inkinduramugayo
Intwaro nyayo ihonyora ikimwaro
Uwayitwaje akagira ijambo
Igasiba ibyuho by'abamutwama
Bakirinda kumujinyora.

Akagira ubwema ameze nk'umwami
Atagira ubwoba bw'ikofi yemwe
Iyo mu ruhando rw'abinaniwe
No mu ngando afite umuneza
Inzira ya Nzigira ni yo ndata.

Rino pfundo nyaryo ry'ubugiri
Naryitwaje nka Rwabugiri
Mu kiriri cy'abanze kuzigama
Nzigama byinshi nkarya bikeya
Ngo ejo yewe ntazaba insegu.

Nkabura ijambo no mu batware
Nkaba umutwaro muri rubanda
No mu ruhando rw'abinaniwe
Sinijajare nk'abashobewe
Mbigira intwaro yo kwishobora.

Banyarwanda bagenzi banjye
Turi ishingiro ry'agaciro
Nimucyo kwigira bibe intero
Ibiri hanze tubyime amaso
Nibwo kwigira byatubera.

Hari inkunga ziva imahanga
Zimwe twita amarenzamunsi
Murabe maso ntizimenyerwe
Ntizibe ikirango cyo kwibura
Igihe cyose uzihanze amaso.

Nk'abacuruzi banyemari
Bacuzi namwe banyemana
Mushoye imari aho mu byacu
Mukanubaka inganda iwacu
Si bwo kwigira byaturanga?

Erega intero uruganda iwacu
Bigizwe ibanze mu Banyarwanda
Abanyamahanga ntibatunnyega
Abarigwije bava imahanga
Baza iwacu na bo guhaha!

Ubugiri bwacu ntibuve hanze
N'ibiva iwacu bikajya hanze
Birute ubwinshi ibiva iyo hanze
Maze iby'iwacu tubihe umwanya
Inzira ya nzigira iraba yaje.

Abantu benshi baribeshya
Kwigira ni iby'abagashize
Bakarya ibyabo ntibizigamire
Ngo ntawamara imyaka ijana!
Ijana baronse mu kazi kabo

Bakaritsemba barya firingi
Iminsi yindi babuze iyabo
Bakanagendera ku iringi
Bakaba insegu muri rubanda
Mureke twamagane icyo cyonnyi.

Burya maye iyo ntwaro yacu
Ntiremerera uwuyitwara
Yewe ntisaba n'ibihenze
Kugira intego ni cyo gishoro
Inzira ya nzigira ubwo ikagendwa.

Akazi kose ugakoze neza
Ukagaha umwanya igihe ukabonye
Imari yaza ukagana banki
Inzara yaza ukarya umugati
Ni yo nzira ibereye Nzigira.

Ubonye wagira n'ibisaga
Ugafasha n'abo batibasha
Igihugu cyawe ntigite isura
Ngo bibe imvano yo kukinnyega
Ni inzira yindi ya Nzigira.

Erega yemwe bagenzi banjye
Intero ni imwe ya buri wese
Inzira ya nzigira tuyigende
Namennye ibanga ryo kuyigenda
None namwe nimuribike.

Mubicishe muri izi nkike
Kora wigire ikwire hose
Zigama iby'ejo ibe ari yo ntero
Gufasha cyane abatibasha
Kudahanga amahanga amaso

Ugakora neza akazi wahawe
Ntube insegu muri rubanda
Ntube ikirore cy'ubunyanda
Ubaye irebero ry'umurava
Byakurinda kuba umutwaro

Watwara abandi n'iw'abandi
Maze iwanyu ukahagira ijambo
Inzira ya Nzigira anyura ni iyo.
Nyamara rwose ntibidukwiye
Guhanga amaso akava imuhana

Kamwe kazaza imvura ihitutse
Burya igikwiriye buri wese
Kwigira kwiza kubanze njye
Maze namwe mugenze nkanjye
Inzira yo kwigira tuyigende,
Inzira ya nzigira erega ni iyo.

**WIHOGORA Godelive**

Impamyamugambi indangantego
Ikigero cyiza impamyaburanga
Umwe mu mirunga ijisha intego
Ikaba ikirango cy'umuco wacu
Gihesha ubwema u Rwanda rwacu.

Mbese ko mbona ugiye rwose
Muri rubanda rukigukunze
Ngo iyo nsobanuzi y'agaciro
Banayimbajijeho byinshi
Banajijinganya muri byinshi

Bibacira ishati bamara umwanya
Mbivuze nemye ngana iy'inganzo
Nkore ibihe nkoreshe ibihe?
Nsubiza yewe ihurizo nk'iri
Ngukunde uruhe Gihugu cyanjye?

Dore urukwavu dore umuhigi
Ukundwe yewe Gihugu cyanjye
Mu buryo bwinshi bwo kugukunda
Bukaba icyirore cy'urukundo
Burya aho maye dore ni nk'ubu!

Uramutse utanze imbaraga zawe
Umwanzi ateye Igihugu cyawe
Ugafata intwaro ugana itabaro
Ukacyirwanira bya gitore
Byanarimba ugasaba umusanzu

Amaraso yawe akaba igitambo
Umubiri wawe ukaba ingurane
Umubiri wawe ukaba ingurane
Igihugu cyawe ntikibe intere
Kigasagamba kigira ituze
Ni bwo uba ukunze u Rwanda rwawe.
Uramutse wanze bitugukwaha
Ukavuza akamo ubonye itangwa
Ubwo ababishinzwe bagatabara
Ikabura icyuho yo gatabwa
Byaba ari inzira y'urukundo.

Nujya kwiga no mu mahanga
Ujya guhahayo bwa buhanga
Ubwire abaho Igihugu vuko
Bamenye n'uwo muco w'iwacu
Bawukunde bitewe nawe.

Ujye uba maso utazarutanga
U Rwanda rwacu rugata isura
Komeza urwane ku muco wacu
Icyapa cyawo kibe ari wowe
Ibigwi byacu biratwe nawe.

Burya yemwe gukunda u Rwanda
Urwanya cyane n'abarurwanya
Nk'igihe ubonye n'ibidakwiye
Ukabikosora rwose utuje
Ni umusanzu ungana urukundo.

Ngo bakunda igihugu cyabo,
Njya mbona abantu bamwe babeshya
Banga cyane n'abagituye
Burya gukunda Igihugu cyawe
Bisaba ubwitange n'umurava
Bisaba rwose gukunda abacyo.

Wakoze neza umurimo wawe
Wanga ubwangwe mu minwe yawe
Ugakora byose utabyinuba
Ugafasha n'abo batibasha
Ugafasha rwose n'ababuraye.

Bugacya neza bagizwe nawe
Bagize impamba ingana umurunga
Ibagobotora ibya nyamunsi
Ntabwo rwose uba ugize nabi
Nabwo uba ukunze Igihugu cyawe.

Ubyaye umwana akagana ishuri
Akareka rwose kuba ikirara
Akagira ubwenge nko mu bugenge
Akagira ubwenge mu by'ubukungu
Akaba n'icyatwa mu byo kubana

Akabihugura n'abatabizi
Ahashya icyazana urunturuntu
Igihugu cyacu kikaba cyiza
Kikajya inama igifite Imana
Kikaba kandi gifite imari.

Kikaba ihahiro ry'amahanga
Kikaba irebero ry'umutuzo
Kuko gihunze amahoro arambye
Ubyaye kandi ukarera neza
Ni ko gukunda Igihugu cyawe.

Rwanda rwacu horana inganji
Abawe tugire inganzo
Duhore rwose tukuririmba
Tuvuge uko uri mu batakuzi
Abatagukunda bazagukunde.

Gihugu cyiza ngobyi iduhetse
Abawe twese ubu turatwaje
Umuheto wacu turawufoye
Ngo tukurwanirire gitore
Umwanzi wawe akomeze amware.

Aramutse azinduwe no gusenya
Turamutanga tumutamaze
Amaboko yacu turayatanga
Ubwonko bwacu tubukoreshe
Nibiba ngombwa amagara agende.

Igihe twicaye mu ngo zacu
Duhoze ijisho ku bo tubyara
Tubatoze gukunda u Rwanda
Babe ingendutsi zuje ubwenge
Kunda u Rwanda igirwe igihango.

Mu gihe cyose turimo kwiga
Duhore twimakaza inyigisho
Zibe gukunda Igihugu vuko
Tubone u Rwanda rugira ituze
Ni ko gukunda Igihugu kwiza.

Gihugu cyacu turagukunda
N'inzira nyayo yo kukurinda
Tuyibonye muri iyi nganzo
Dufashe icyemezo kidakuka

Cyo kukurinda mu buryo bwose.
Umuhigo mwiza turawutoye
Turakurinda Gihugu cyacu
Turakurengera tuguhe inkike
Tarakurinda kugana inkiko
Utazima rwose tukigukunze.

Burya gukunda Igihugu cyawe
Si umutwaro ni ubutware
Butadutwara kubura umwanya
Intwaro nyayo yo kurukunda
Ni ukurwanya icyarusenya.

**WIHOGORA Godelive**

## UMUSOZO

Inteko y'Umuco ikomeje ibikorwa binyuranye byo gukangurira Abanyarwanda aho bari hose gusobanukirwa no kubakira ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda kuko ari umusingi w'ubumwe bw'Abanyarwanda.

Mu bikorwa ikora, harimo gutegura amarushanwa y'ubuhanzi bw'ubwanditsi ku Kinyarwanda no mu Kinyarwanda mu ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo. Ni muri urwo rwego hateguwe amarushanwa y'ubuhanzi bw'imivugo mu mashuri makuru na kaminuza, agamije kwimakaza indangagaciro z'umuco w'u Rwanda cyane cyane mu rubyiruko.

Kwita ku muco w'u Rwanda ni ukumenya ibiwugize byaranze abasokuruza bigatuma u Rwanda rwanda kugeza magingo aya. Kwita ku rubyiruko rugasobanukirwa ibigize umuco w'u Rwanda ntibyagerwaho hatabaye ubufatanye bw'inzego zitandukanye. Buri Munyarwanda akwiye kumva ko ari umurinzi w'igihango dufitanye n'u Rwanda by'umwihariko umuco wacu.

Iterambere duharanira, ritubakiye ku muco wacu w'Abanyarwanda ntiryaramba. Ni ngombwa ko imibereho y'Abanyarwanda ishora imizi mu muco wacu. U Rwanda ariko nanone rusabana n'ibindi bihugu, ni ngombwa kuvoma mu muco wabyo ibidufitiye akamaro byatuma twiyubaka kurushaho.

Gusigasira umuco wacu ntibigarukira mu bwanditsi gusa ahubwo bikwiye kuba ubuzima bwa buri munsi. Ni ngombwa ko urubyiruko ruterwa ishema no kwitwa Abanyarwanda kandi rukabiharanira aho ruri hose. Ibi bizashimangirwa no kurwanira ishyaka Igihugu cyacu.

Aya marushanwa yunguye abayakoze ubumenyi mu buhanzi bw'ubwanditsi. Inteko y'Umuco ishishikajwe no gukomeza gukangurira urubyiruko ndetse n'Abanyarwanda bose muri rusange guhanga mu Kinyarwanda binyuze mu marushanwa atandukanye. Ikinyarwanda ni isoko tuvomamo indangagaciro z'umuco w'u Rwanda, zikatwubaka kandi zikatwereka umurongo dukurikira w'iterambere binyuze mu buhanzi.

**INTEKO Y'UMUCO**
Huye, SH1 RD2
Agasanduku k'Iposita: 630 Butare

Inteko y'Umuco